**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Nyaruguru ku wa 06/06/2023**
**N$^{O}$ 113 NJYA/2023**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA NYARUGURU**
**INAMA NJYANAMA**

**Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**

**NYANZA**

**Impamvu**: Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 02/06/2023

Madamu Guverineri,

Mbandikiye mbagezaho ibyemezo by'Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateranye hifashishijwe ikoranabuhanga rya cisco webex meetings kuwa 02/06/ 2023, inama yitabiriwe n'abajyanama 16 kuri 17 bagize Inama Nyanama .

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

**INGABIRE Veneranda**

**Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **Kigali**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru
  **Nyaruguru**

CamScanner

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA NYARUGURU**

**INAMA NJYANAMA**

**IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA IDASANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KUWA 02/06/2023**

**INTANGIRIRO**

Inama Njyanama idasanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateranye kuwa 02 Kamena 2023 saa kumi (16h:00) hifashishijwe ikoranabuhanga rya "cisco webex meeting" , inama yayobowe na Perezida wayo Madamu INGABIRE Veneranda, yitabiriwe n'Abajyanama 16 kuri 17 bagize Inama Njyanama, inama kandi yitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere

**Abajyanama bitabiriye Inama Njyanama ni aba bakurikira:**

1. Umujyanama INGABIRE Veneranda
2. Umujyanama TURAMWISHIMIYE Marie Rose
3. Umujyanama MUTIGANDA Innocent
4. Umujyanama BYUKUSENGE Assoumpta
5. Umujyanama GASHEMA Janvier
6. Umujyanama GATETE Théophile
7. Umujyanama KAYIREBWA Pélagie
8. Umujyanama MUHONGERWANSEKO Jaqueline
9. Umujyanama MUKAMANA Bernadette
10. Umujyanama MUKANDEKWE Colette
11. Umujyanama MUNYENGABE Elian
12. Umujyanama MURWANASHYAKA Emmanuel
13. Umujyanama NSENGIMANA Emmanuel
14. Umujyanama NYIRABAHINYUZA Médiatrice
15. Umujyanama NYIRAKAMONDO Cathérine
16. Umujyanama RANGIRA Innocent



CamScanner

**Umujyanama utitabiriye Inama ufite impamvu:**

1. Umujyanama MUTANGANA David

**Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo imwe yo gusuzuma ivugururwa ry' igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta mu mwaka wa 2022/2023.**

**Icyemezo cya mbere:**

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku ibaruwa N° 1781/07.02.03/SE.07/23 yo kuwa 31/05/2023 Umuyobozi w'Akarere yandikiye Perezida w'Inama Njyanama amusaba ko igenamigambi ry'Itangwa ry'amasoko ya Leta rya 2022/2023 rivugururwa;

Hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mu Nama Njyanama yo kuwa 31/05/2023 yasesenguye ubusabe bwo kuvugurura igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko;

Hashingiwe ku itegeko N° 031/2022 ryo kuwa 21/11/2022 rigenga amasoko ya Leta mu ngingo yaryo ya 17 ivuga ko "*Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishobora kuvugururwa inshuro zitarenze ebyiri (2) mu mwaka w'ingengo y'imari. Icyakora, igenamigambi ry'umwaka ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishobora kuvugururwa inshuro zirenze ebyiri (2) mu gihe bibaye; ngombwa*",

Hashingiwe ku itegeko N° 031/2022 ryo kuwa 21/11/2022 rigenga amasoko ya Leta mu ngingo yaryo ya 15 ivuga ko "*Bitabangamiye ibiteganywa mu mategeko azigenga, Inama Njyanama, Inama y'Ubuyobozi n'inzego zikora nkayo zifite inshingano yo kwemeza igenamigambi ry'amasoko ya Leta, kwemeza ivugurura ryaryo no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo*"

Abagize Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye bemeje ivugururwa ry'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta mu Karere ka Nyaruguru ku nshuro ya gatatu amasoko ava kuri 120 ajya kuri 123
Ivugurwa ryakozwe riteye ku buryo bukurikira:

**AMASOKO YONGEREWE INGENGO Y'IMARI**

**1.** Isoko ryo gukora inyingo za retaining walls z'amashuri kuri site 41 ryongerewe ingengo y'imari iva kuri miliyoni makumyabiri n'inye n'ibihumbi magana atandatu **(24, 6000,000 Frw )** ijya kuri miliyoni mirongo ine n'imwe **(41,000,000 Frw)**
**2.**Isoko ryo kugemura no kubakira ibigega by'amazi ku bigo by'amashuri ryongerewe ingengo y'imari iva kuri miliyoni mirongo irindwi n'ebyiri n'ibihumbi magana atandatu mirongo itandatu n'icyenda na magana atandatu na cumi n'arindwi **(72,669,617)** ijya kuri miliyoni ijana na mirongo irindwi, n'ibihumbi magana atanu na bitandatu na magana cyenda mirongo inani n'arindwi **(170, 506,987 Frw)**

**B.AMASOKO AKURWA MU IGENAMIGAMBI RY'ITANGWA RY'AMASOKO 2023/2023**

**3.**Isoko ryo gukora amaterasi ndinganire ku nkunga y'umufatanyabikorwa CDAT mu Murenge wa Ngoma, Lot 1 Umudugdu wa Mutakwa , Lot 2 umudugudu wa Ruli; Lot 3 Umudugdu wa Nyagisozi Lot 4 Umudugudu wa Maraba ryakurwa kuri gahunda y'itangwa ry'amasoko kuko ubuso bwari gukorwaho buracyariho imyaka y'abaturage isoko rizajya mu wundi mwaka w'ingengo y'imari

**4.** Isoko ryo gukora amaterasi ndinganire ku nkunga y'umufatanyabikorwa CDAT mu Murenge wa Mata, Lot 1 umudugudu wa Gasasa Lot 2 mu mudugudu wa Ramba ryakurwa kuri gahunda y'itangwa ry'amasoko kuko ubuso bwari gukorwaho amaterasi bucyiriho imyaka y'abaturage ,isoko rizajya mu wundi mwaka w'ingengo y'imari .

**C. AMASOKO YONGERWA MU IGENAMIGAMBI RY'ITANGWA RY'AMASOKO 2022/2023**

**5.** Isoko ryo gukora imirwanyasuri / imiringoti (ditches) ku nkunga y'umufatanyabikorwa CDAT mu Murenge wa Ngoma mu tugari rwa Fugi na Kiyonza .
**6.**Isoko ryo kubaka ibiraro by'ingurube
**7.**Isoko ryo kubaka ibiraro by'inka
**8.**Isoko ryo kugenzura iyubakwa ry'ibiraro by'ingurube
**9.** Isoko ryo kugenzura iyubakwa ry'ibiraro by'inka

**UMUSOZO**

Inama yasojwe saa kumi n'imwe (17h:00) Perezida w'Inama Njyanama ashimira ibitabiriye Inama Njyanama ku bw'ibitekerezo batanze

**Umwanditsi w'Inama:**

**MUTIGANDA Innocent**
**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**Umuyobozi w'Inama:**

**INGABIRE Veneranda**
**Perezida w'Inama Njyanama**



CamScanner